Byendagusetsa y'uyu munsi:

Ku Kiliziya kimwe ino aha bari mu mwiherero w`abagabo bubatse ingo, Padiri arababaza ati "Mwa bagabo mwe ni nde ukunda umugore we ?"

Bose baratangara cyane, bavugira rimwe ko bakunda abagore babo ari nayo mpamvu bashakanye.
Padiri arongera ati "Muheruka kubabwira ryari ko mubakunda niba koko ari byo ?"
Umwe ati "Mu gitondo nabivuze"
Undi ati "Nijoro turyamye nabimubwiye"
Undi ati "Mukanya kashize"
Undi na we ati "Rwose n'ubu mvuye hanze kuri telefoni mbimubwiye!"
Padiri ati "Ngaho mufate telefoni zanyu mwandikemo ijambo 'NDAGUKUNDA' muyohererereze abagore banyu mu butumwa bugufi."
Abagabo bose bahita babikora bihuse udafite agafaranga muri Telephone nawe baramuha.
Kugirango hatagira uza kubeshya, Padiri asaba abagabo kugurana za Telephone zabo kugirango buri wese aze gusoma aranguruye Message ije.
Hashize akanya abagabo babona twa 'message' tubasubiza tuva kuri ba Madamu.
Padiri ati "Ngaho nimuzisome cyane twumve !"
Umva ibyasomwe :

1. "Ndumiwe sheri. Ibi ubitekereje ute koko ?"
2."Yoo ubaye iki? Bigenze gute ariko ubwo ?"
3. "Ba uretse uransobanurira nutaha iyi 'message' umuntu wari uyandikiye ikanyoberaho!"
4. "Ubuse ushatse kuvuga iki ?"
5. "Egoko ! Ubuse nanone urashaka ko turyamana?
   Ubundi se kuki utajyaga ubanza kumbwira gutya ?"
6. "Wowe uri nde wiha gukinisha 'phone' y'umugabo wanjye ?"

Ngayo nguko, bagabo namwe basore mwemera St Valentin rero uyu munsi mwikubite agashyi.
Naho ku batayemera, ntacyo bitwaye ntihagire uziza undi imyemerere itandukanye kuko n'ubusanzwe ntawe uteye kimwe n'undi.

JP GASHUMBA
UMUSEKE.COM